No 213 Gicurasi 2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO YA SENA YA POLITIKI N'IMIYOBORERE YASHIMYE UKO IHURIRO RIFASHA IMITWE YA POLITIKI KUBAHIRIZA AMAHAME REMEZO



Itsinda ry'Abasenateri ryasuye Ihuriro

*Mu ruzinduko yakoreye mu Ihuriro, Komisiyo ya Sena ya Politiki n'Imiyoborere yagejejweho ikiganiro ku uburyo Ihuriro rifasha Imitwe ya Politiki kubahiriza Amahame Remezo.*

Iri tsinda ryari rigizwe na Hon. Tito RUTAREMARA, Hon. MUKASINE Marie Claire, Hon. KALIMBA Zephyrin na Hon. KAZARWA Gertrude wari uyoboye iri tsinda. Hon. KAZARWA Gertrude yabwiye abari muri ibi biganiro ko bifuza kumenya uko Ihuriro ryubahiriza ihame remezo ryo kwimakaza demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye ariko cyane cyane uko rifasha Imitwe ya politiki kubahiriza Amahame Remezo.



Umuvugizi (ibumoso) n'Umuvugizi Wungirije (iburyo) b'Ihuriro

Umuvugizi w'Ihuriro wakiriye abasenateri, yabashimiye uruhare bagira mu kugenzura iyubahirizwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'Amahame Remezo, ababwira ko Ihuriro naryo nk'Urwego rushyirwaho n'Itegeko Nshinga, ryubahiriza ayo Mahame Remezo kandi rifasha, binyuze mu nshingano zaryo, Imitwe ya Politiki kuyubahiriza.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald, yahawe umwanya agaragaza ko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urubuga Imitwe ya Politiki ihuriramo ikaganira kuri politiki rusange y'Igihugu, ku bibazo biremereye Igihugu, rikajya inama ku nshingano n'uruhare rwaryo mu kubaka ubwunvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Yakomeje agaragariza abagize iyi Komisiyo ko Ihuriro ryemejwe n'Itegeko Nshinga rya Repuburika y'U Rwanga, ryo kuwa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 59, inshingano zaryo akaba ari ugutuma Imitwe ya politiki ishobora kungurana ibitekerezo no kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.



Bwana BURASANZWE Oswald (iburyo) atanga ikiganiro

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yabwiye kandi abagize iyi Komisiyo ko, Ihuriro ryubahiriza rikanafasha Imitwe ya Politiki irigize kwita no kubahiriza Amahame Remezo akubiye mu ingingo ya 10 y'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu gihe cyo gushyiraho inzego z'ubuyobozi no mu bikorwa ritegurira Imitwe ya Politiki.

Mu gushyiraho Inzego z'Ubuyobozi bw'Ihuriro, yababwiye ko zishyirwaho n'Imitwe ya Politiki irigize, hakitabwa ku Mahame Remezo u Rwanda rugenderaho aho mu Nama Rusange buri Mutwe wa Politiki uhagararirwa n'abantu bane(4) barimo nibura babiri (2) b'abagore kandi ko hagomba umubare ungana kuri buri Mutwe wa Politiki. N'aho abagize Biro y'Ihuriro, buri mezi atandatu (6), Inama Rusange itora abantu babiri(2) bagize Biro yayo (umugore n'umugabo cyangwa abagore gusa). Abagize Biro baturuka mu Mitwe ya politiki igize Ihuriro, hubahirizwa ihame ryo gusimburana ku Ubuyobozi bw'Ihuriro.

Yagarutse kandi kuri gahunda z'amahugurwa ategurwa n'Ihuriro ubwaryo n'ategurwa n'Imitwe ya politiki agaterwa inkunga n'Ihuriro. Avuga ko hari amasomo yigishwa urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki igize Ihuriro yose binyuze mu Ishuri ry'Ihuriro ryigisha Urubyiruko ibya politiki n'imiyoborere /YPLA. Mu masomo bahabwa hakaba harimo ayerekana ububi bw'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ingamba zo kuyirwanya mu buryo bwose, ikiganiro kuri Ndi Umunyarwanda, Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'ihakana ryayo, Amateka ya Politiki y'u Rwanda, ikiganiro ku iyubahirizwa ry'Amahame Remezo u Rwanda rugenderaho n'andi.

Bwana BURASANZWE Oswald, yasoje abwira abaSenateri ko mu mikorere yaryo, Ihuriro riharanira guteza imbere no kubahiriza Amahame Remezo akubiye mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryavuguruwe mu 2015, kandi ko Ihuriro kandi rifasha cyane Imitwe ya Politiki kubahiriza aya Mahame Remezo binyuze muri Gahunda nyongerabushobozi zigenerwa Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo, aho batozwa gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize, kurandura burundu ivangura iryo ari ryo ryose, guteza imbere uburinganire bw'Abanyarwanda bose, kuganira no kujya inama kenshi hagamijwe ubwumvikane busesuye.

Abasenateri bagize iyi Komisiyo, bashimye uko Ihuriro n'ahandi hose banyuze bagenda basobanukirwa n'Amahame Remezo agenga Igihugu cyacu, bashima kandi uko bashyira imbaraga mu kuyubahiriza.



Ifoto y'urwibutso

## IHURIRO RYASOBANURIYE ABASENATERI UKO RIKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA RY' IHAME RYO GUSHAKA UMUTI W'IBIBAZO MU NZIRA Y'IBIGANIRO N'UBWUMVIKANE BUSESUYE

Mu kiganiro cyabaye kuwa gatanu, tariki ya 18 Gicurasi 2018, kibera mu cyumba cy'inama cy'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena, mu rwego rwo gusobanura uko Ihuriro rikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Ihame Remezo ryo gushaka buri gihe umuti w'ibibazo mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye, Komisiyo ya Sena y'Imibereho myiza y'Abaturage, Uburenganzira bwa Muntu n'Ibibazo by'Abaturage yagiranye ikiganiro n'Ubuyobozi bw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.
Iki kiganiro cyari kigamije kureba uburyo Ihame Remezo rya gatandatu (6) (mu Mahame remezo yo mu Itegeko Nshinga u Rwanda rugenderaho) rikurikizwa mu gushaka buri gihe umuti w'ibibazo mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye. By'umwihariko, Komisiyo yari igamije kureba uruhare rw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo mu guteza imbere umuco w'ibiganiro no gukemura ibibazo.


Abasenateri baganiriye n'Ihuriro

Ku ruhande rwa Komisiyo ya Sena hari Senateri NIYONGANA Gallican, Perezida w'iyi Komisiyo; Senateri MUKANKUSI Perrine, Senateri MUSABEYEZU Narcisse, Senateri NTAWUKURIRYAYO Jean Damascene, Senateri NKUSI Laurent na Senateri NYAGAHURA Marguerite.
Ku ruhande rw'Ihuriro, abitabiriye ibi biganiro harimo Depute MUKAMANA Elizabeth, Umuvugizi w'Ihuriro; Bwana BURASANZWE Oswald, Umunyamabanga Nshingwabikorwa na Bwana SINDAYIHEBA Fabien, Umuyobozi w'ishami ry'Itumanaho n'Imirimo ya Komisiyo.

Mu ijambo ry'ikaze, Perezida wa Komisiyo ya Sena y'Imibereho Myiza y'Abaturage, Uburenganzira bwa Muntu, n'ibibazo by'Abaturage, Senateri NIYONGANA Gallican, yabwiye intumwa z'Ihuriro ko mu nshingano za Sena harimo no gukurikirana ko Amahame Remezo akubiye mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga ry'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 akurikizwa n'Inzego zose, bityo haba hari aho Sena igomba gutanga inama z'uburyo ayo Mahame Remezo yarushaho gukurikizwa, inzego bireba zikagirwa inama. Akaba ari muri uru rwego Ihuriro riri mu nzego iyi Komisiyo yatekereje kuganira nazo, kugira ngo barebere hamwe uburyo Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize bubahiriza iri hame.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana BURASANZWE Oswald, mu kiganiro yagejeje ku bagize Komisiyo yavuze ko umuco w'ibiganiro no kujya inama kenshi hagati y'Imitwe ya politiki ushimangirwa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro. Aya Mategeko akaba yaremejwe n'Imitwe ya Politiki yose igize Ihuriro, bityo imikorere y'Ihuriro mu guteza imbere iri hame, bifasha Imitwe ya Politiki kugendera muri uwo murongo wo gushaka umuti w'ibibazo no gukemura impaka mu mahoro. Yakomeje agaragaza ko n'indangagaciro Ihuriro rigenderaho, zemejwe n'Imitwe ya Politiki nazo zishimangira ubushake bw'Ihuriro n'Imitwe ya Politiki mu kubahiriza ihame ryo gushaka umuti w'ibibazo mu nzira z'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye. Izo ndangagaciro ni izi zikurikira: kuganira no kujya inama kenshi; ubwumvikane busesuye; ubworoherane muri politiki; ubumwe bw'Igihugu; kubaka ubushobozi n'ibindi .

Mu kungurana ibitekerezo ku kiganiro, abagize Komisiyo ya Sena bashimye uburyo Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize bateza imbere umuco w'ibiganiro no gukemura ibibazo mu nzira z'amahoro n'ubwumvikane busesuye. Bagaragaje ko iyi mikorere y'Ihuriro yatumye isura mbi n'imyumvire abantu bagira ku Ihuriro ihinduka, bikaba bigaragazwa n'abashyitsi benshi b'abanyamahanga basura Ihuriro baje kwiga uburyo abanyapolitiki bashobora kwicarana bakajya inama bakagera ku bwumvikane kandi badahuje ibitekerezo bya politiki.

Umuvugizi w'Ihuriro, Depute MUKAMANA Elizabethe, yashimye abagize Komisiyo, uburyo baganiriye neza, kandi ko ibitekerezo batanze bizakomeza kuganirwaho mu rwego rwo gukomeza kubahiriza Amahame Remezo u Rwanda rugenderaho

## ABANYESHURI MURI ZA KAMINUZA ZITANDIKANYE KU ISI BASOBANURIWE URUHARE RW'IHURIRO MU KUBAKA U RWANDA NYUMA YA JENOSIDE

*Mu rugendo shuri rwo gusura inzego zitandukanye mu Gihugu, abanyeshuri baturutse muri za Kaminuza zitandukanye ku isi bari kumwe n'abanyeshuri bo muri Kaminuza y'u Rwanda, binyuze mu ishami ryigisha ibya politiki n'imibanire muri Kaminuza y'u Rwanda, basuye Ihuriro kuri uyu wa kane tariki ya 10/05/2018, basobanurirwa uruhare rw'Ihuriro mu kubaka u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.*

Nyuma yo kwakirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Bwana SINDAYIHEBA Fabien, Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho n'Imirimo ya za Komisiyo mu Ihuriro, yasobanuye uburyo Imitwe ya politiki yariho mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yagize uruhare mu gusenya Igihugu, aho gukora politiki iganisha ku mibereho myiza n'iterambere ry'umuturage; ikimakaza politiki y'ivangura n'amacakubiri, yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.
Avuga ko nyuma yo guhagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi, Umutwe wa politiki wa RPF Inkotanyi wari utsinze urugamba, wafatanije n'indi Mitwe ya Politiki itaragize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi hashyizweho politiki nziza yubaka, iharanira inyungu rusange z'umuturage.


Iri tsinda rikurikiye ikiganiro

Bwana Fabien yabwiye aba banyeshuri ko nyuma yo gutora Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, hashyizweho Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki anabasobanurira imikorere n'imikoranire yaryo n'Imitwe ya politiki irigize, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho, ababwira kandi ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki iryinjiramo; aho rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa, anababwira uruhare rwaryo mu gukemura impaka zivutse mu Mitwe ya Politiki cyangwa hagati y'Imitwe ya politiki mu gihe babisabye.
Ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro basobanuriwe ko kujya mu Ihuriro ari ubushake, Umutwe wa Politiki ushobora kurijyamo cyangwa nturijyemo. Naho ku bijyanye n'Uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka, basobanuriwe ko Ihuriro rifite Komisiyo Mbonezabupfura no Gukemura amakimbirane ikaba ifasha Imitwe ya Politiki gukumira no gukemura amakimbirane, binyuze cyane cyane muri gahunda zo kongerera ubushobozi za komite zo mu Mitwe ya Politiki zishinzwe gukumira, gusesengura no gucyemura amakimbirane. Yababwiye kandi ko Ihuriro, rishobora gufasha Umutwe wa Politiki ubisabye, gukemura ibibazo uhuye nabyo mu buryo butanyuranyije n'amahame n'inshingano z'Ihuriro.
Aba banyeshuri babajije inyungu za politiki Imitwe ya politiki ibonera mu kuba mu Ihuriro. Yababwiye ko, kuba mu Ihuriro, biyifasha kungurana ibitekerezo na bagenzi babo b'abanyapolitiki, bahabonera kandi amakuru anyuranye ku mitegekere y'Igihugu cyane cyane ku Mitwe ya politiki idafite abayihagarariye muri Guverinoma no mu Nteko Ishinga Amategeko, ibitekerezo byabo kandi ku nsanganyamatsiko yaganiriweho, bihabwa agaciro bigafasha mu gushyira mu bikorwa gahunda za Leta.

Iri tsinda, ryashimye intera u Rwanda rumaze kugeraho mu bwisanzure muri Demokarasi no guha urubuga Imitwe ya politiki myinshi ikagira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, bashima kandi uburyo Ihuriro rigira uruhare rugaragara mu kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki mu rwego rwo kuyifasha gukora politiki ishingiye ku bumenyi n'uruhare rwaryo mu kubaka Igihugu muri rusange.